**RWANDA RESONANCE**

# UMURANGI

Rédacteur en Chef:

*NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface*
*(Oncle NTA'GE Bony)*
*(O.NT.B.)*

Bimensuel Indépendant


**N° 33**

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

**100 Frw**

**9 Novembre 1993**

# Uko Leta ya MDR PARMEHUTU yabonaga ubutegetsi bw'abatutsi b'i Burundi muri Février 1973.



akanyundo agahagarara ku muryango w'ishuri, umwana w'umhutu uhise akamudondoza mu mutwe kugeza igihe abatsembeye.

Ntibyateye kabiri MICOMBERO abeshya NDIZEYE mwene MWAMBUTSA, akuraho se, MICOMBERO amwambika ikamba. Kuko yari muto ntiyamenya ubutiriganya bwa MICOMBERO yiha ubutegetsi ahungura agasigisigi ka Demokarasi katari karavanweho n'ingoma ya Cyami na Gashaka-Buhake weruye.

Itegeko nshinga rivaho, inteko irasesswa, itora rigenda nka nyombeli MICOMBERO asigara ariwe Mwami, wica uwo ashatse, akiza uwo ashatse; kugaba biragaruka ababurugumesitiri aho gutorwa gusa bakishyirirwaho, igihugu gitegekwa kiboko, umurundi ntabe agishoboye kuva mu karere kamwe ngo ajye mu kandi.

Abahutu barakandagirwa, barapyinagazwa pe ! Ariko abatutsi bacuranwa imyanya barya ruswa, bambura abahutu, mbese babarya imitsi. Mu batutsi ariko hatona cyane abitwa abahima, batuye cyane muri za Bururi, abahima cyera i Burundi barabanenaga, mbese buri murundi yarabahungaga, ntawabashyingiraga, ntibashoboraga gukama inka y'umuhutu, yewe n'imvura iyo yagwaga ntibahirahiraga ngo barugama ku murundi uwo ariwe wese, ari Umuhutu n'Umutwa cyangwa se Umututsi.

Abahima bihimuye abandi batutsi aho Gahima MICOMBERO yibiye ubutegetsi abanya Muramvya n'abanyaJenda bajya mu mazi abira, bayakurwamo n'uko abatutsi bose bari bahagurutse bashaka kwikiza abahima b'i Bururi, bati: "SHIBURA, shibura hirya, SIMBANANIYE yatunaniye Yanda yanduye GISAMARE n'abasamire hirya".

Muri 1968, cya gifura SIMBANANIYE kimaze kurengwa kicaye iwacyo nimugoroba, ahimba icyo bise "PLAN SIMBANANIYE" mu gifaransa ivuga " HARMONIE PAR L'EGALITE NUMERIQUE", aribyo bivuga ngo: "Kugira ngo i Burundi habe amahoro, n'ubusabane, tugomba kwica abantu miliyoni eshatu n'ibihumbi magana abiri b'abahutu hagasigara abahutu ibihumbi magana ane n'abatutsi". Undi musaza bita NSANZE, Ambasaderi-rundi muri Loni, nawe yadukana indi plan yitwa mu gifaransa "L'HOMOGENEITE DU POUVOIR" aribyo bivuga ngo: "Ubutegetsi bw'abatutsi ntubusangirwa kandi ntibugomba gutokozwa n'abahutu".

Muri 1965, MICOMBERO ahimba coup d'Etat ya Balinga, abakuru benshi b'igihugu bamusaba gukubita inkoni izamba, n'ubwo mu benshi bacjriwe urubanza barengana, ararenga arabatanga barapfa, hapfamo ba Minisitiri bose bo kwa Gahutu, nka NYARUGURU Barnaba wari wariganye na MICOMBERO yibwira ko afite inshuti apfa azize uwo yitaga inshuti ye babyirukanye, uwarokotse mu Bahutu biganye na MICOMBERO ariwe MUNYANEZA niwe babuze ngo bamuhitishe none bakaba bamwikoreye.

Barongera batorokana udusirikari-hutu twari twasigaye n'udukozi tw'igihugu twari twaracitse ku icumu mu w'1966. Ejobundi, uyu mwaka ugitangira uwitwa KIGOMA cy'igishwi aricyo Muganwa mu kirundi, ahimba nawe Coup d'Etat ya Balinga, ashyira kuri lisiti ya Leta abahutu gusa. Umuhutu BALIBWESURE uyu bahotoye ubushize ashaka ko yagera kuri MICOMBERO ngo asobanure ubwo bukeca bw'abatutsi, baramubambira kuko yari umuhutu, apfa kwibwira ba Maneko ba MICOMBERO bituma plan yo kurimbura abahutu yigizwayo.

SHIBURA n'abandi bari bahagarikiye KIGOMA baramucikisha ngo atazaburana, Abahutu bakavuga uko yari agiye kubaroha mu muriro, ay'ubusa, abatutsi bati:"Mutugaye guhera ntimutugaye gutinda".

Bigeze kuri 20 mata 1972, hashize iminsi NTARE mwene MWAMBUTSA yibwe afungiwe i Gitega, MICOMBERO n'undi musirikari mukuru w'umututsi uzwi, baragenda barasa NTARE, bahamagara abasirikari batatu bato bajya kumucukurira barangije nabo bararaswa maze batabanwa muri urwo rwobo rumwe na NTARE ngw'aha ntibizamenyekana.

Ariko ubwo mushobora gusinzira iyo mwibutse intumbi zose mwisasiye nka RWAGASORE mwishe, mugaca se, mugahekura uwo musaza n'ako yari asigaranye, mwarangiza mugashimagiza RWAGASORE, muba mubeshya nde ?

Uwo munsi nyine igihe bamwe bicaga i Gitega, SHIBURA, SIMBANANIYE na YANDA n'umusirikari utwaye ijipe iriho Radio bagiye gukora inama i Bururi barangije bica abatutsi bake, biba urwitwazo baduka mu bahutu, Plan SIMBANANIYE itangira ityo.

Abari ba Minisitiri b'Abahutu bapfa rugikubita, arapfa BANDYAMBONA, arapfa RUBILIZI, arapfa NDAYIZIGA, arapfa BARAGENGANA, mu basirikari arapfa HARELIMANA arapfa BURASEKUYE, arapfa NDAYAHOZE wahoze yibeshya ngo n'inshuti ya MICOMBERO. Barapfa abacuruzi b'abahutu, abanyeshuri bose ba gahutu bo muri Univerisite, no mu ishuri rikuru ry'abarimu barapotera, bicishwa amahili, ibyuma, ibisomyo, amabuye, birahoga mu mashuri makuru, mu mashuri mato bahiga umwana wese w'umuhutu. Bajya mu bitaro bica gahutu, bajya mu materinite bahekura ababyeyi, bica ababoyi n'abazamu b'abahutu, igitsina gabo gishize bica abagore n'abakobwa kimwe n'abangavu ngo batazavaho babyara umuhutu.

Abakunda kumenya iby'i Burundi bavuga ko hapfuye abantu barenga ibihumbi magana abiri, ni ukuvuga nk'abaturage ba Perefegitura nzima.

Niyo Leta y'i Burundi yakwikubita ku rutare ntishobora rwose gutsemba abahutu.

**DORE UKO ABAHUTU BAPFA I BURUNDI.**

Nimwumve Ikinyamateka cyo mu Bubiligi "Le Soir" kibivuga. Muri Athenée y'i Bujumbura abarimu babujije abana b'abahutu kuva mu ishuri ngo batajya hanze kwicwa. Abana b'abatutsi babadukamo baradiha. Babajyana mu bitaro baravurwa, bakize baricwa. Abana b'abatutsi babategereza igihe bazakirira. Muri uwo mujyi abanyeshuri mirongo ine na batanu bukeye 50 bazimiye ubutagaruka.

Abantu bari bakomeretse bavanze n'intumbi bageze kuri Komisariya barabasonga. I Mutamba umwarimu wa gatikisimu n'abakirisito be biciwe mu ishuri n'abasirikari b'abatutsi.

Umuntu wafunzwe atari we bashakaga yabonye muri gereza i Bujumbura ibi ngibi: Ibirundo by'abahutu kimwe kirimo 60 baryamye hasi bambitswe ubusa baboheye amaboko imugongo, bitaze ku zuba rya Bujumbura, batarya ntibanywe, bakazicwa n'isari, abarokotse bagahita imbere y'abapolisi bitwaje ibihiri by'ibyuma bakabibahonda mu mitwe kugeza ubwo bapfuye, batapfiraho bakabasubiza ku zuba bakongera kubakubita ibyo bihiri kugeza igihe bapfiriye. Bamara gupfa bose bakabapakira za kamyo zitwikirije amahema bakabajyana kubajugunya mu gisambu kiri hagati ya Bujumbura n'ikibuga cy'indege, tingatinga zikarima imisozi zikarenzaho (Le Soir yo kuwa 25/5/1972). Izo nkenya za tingatinga zabonaga umuhutu ahise zikamutaba abona, abacitse ku icumu bahungiye hirya no hino, ntibibe amazimwe, Umuhutu uzaza azaza yisanga kimwe n'uko n'umututsi waramuka aje yaza nawe akisanga n'ubundi byari bisanzwe ntituri nk'abo bagome !

**LETA NDUNDI NI IKI ?**

Ubutegetsi buri mu Burundi bushingiye he ? Mu bihugu byinshi usanga abategetsi bahagarariye rubanda nyamwinshi kandi baharanira icyabateza imbere. I Burundi ho babanje guhakana ko umubare mwinshi w'abahutu utabaho ngo: abahutu ntibigeze babaho mu Burundi. Umuntu akibaza aho abatutsi bakuye abo bica nk'igihe cya nguriza umuhutu.

Leta ndundi biyishobeye yemera bya nyirarureshwa ko abahutu babaho ariko ntacyo bamaze kuko abatutsi avuga ngo : i Burundi nta bwoko burusha ubundi umubare w'abantu. Bantu mwataye ibara, mwariye isoni, Leta yanyu itaniye he niyo muri Rodeziya n'Afrika y'epfo ? Izo Leta

# EDITORIAL

# Aferi Ruvuginunu

*Mu kinyarwanda iyo umuntu yivanze mu bitamureba cyangwa mu bitamukwiye, bavuga ko yitaye mu mata nk'isazi, kuko kugira ngo isazi ubundi isanzwe yizihirwa mu mwanda igire itya ubone yiroshye mu mata biba ari akaga. Mu Rwanda rero muri ibi by'amasezerano y'amahoro y'Arusha umuntu yavuga ko habayemo aferi Ruvuginunu, cya gisazi cyirusha izindi gutera iseseme. Mbere yuko ariya masezerano ashyirwaho umukono, umugabo TWAGIRAMUNGU yakusanyije indindagire z'ingirwa banyepolitiki batagize aho bataniye na NGEZE Francois w'i Burundi maze abumvisha ko ariwe ushobora kuyobora guverinoma y'inzibacyuho yaguye, kandi akabitegerereza ku gikoresho cy'umugore ngo wamenyereye intimburo z'ingufu z'ubwoko bwose ku buryo asigaye yivuguruza buri mwanya kurusha indaya irengeje imyaka mirongo itanu nta gasigise ifite mu mujyi wataye agaciro.*

*Amahoro y'Arusha rero umuntu yagereranya n'amata yakamiwe buri munyarwanda ngo amuramire barimo barayivurugutamo n'umucafu ututurutse ku buswa bwo kuba barananiwe kumvikana n'ishyaka ryabo, ku nda nini yatumye banyona iby'ishyaka, ku kinyoma bashaka kubeshya MRND nayo ngo ishishikajwe no gusenya MDR nyamara igihugu cyose kikaba kihazaharira nkuko bigendekeye u Burundi na Frodebu, gushaka gushimisha inkotanyi TWAGIRAMUNGU akorera kandi nazo ategereje kuzikanda ngo hatazagira imuryana succès, gushaka guhanagura ikintu cyose ngo cyavuga ko umuhutu nawe afite agaciro bitwaje ngo guhanagura amateka ya Parmehutu, guca u Rwanda mo uduce ngo Kinyaga, Gitarama cyangwa Ruhengeri n'ibindi, kurata ngo ba se na ba sebukwe kandi bagica inyuma bakabatuka, inyota yo kumena amaraso y'abatabemera, n'ibindi byaha ishyano ryose Umuntu yagereranya n'amazirantoki yaba ava imbere cyangwa inyuma bariho bavuruguta mu mata yagombye kuramira imbaga.*

*Ubonye ngo TWAGIRAMUNGU n'inshoreke ye boshye RUCOGOZA ngo niyandike ahagarike Radio RTLM, Radiyo yigenga isigaye ariyo mizero y'abantu bose kariya gatsiko kimye Radio y'igihugu ? Ubu se "ETAT DE DROIT" basinyiye Arusha irihe ? Ngo boshye Perefe wa Butare HABYARIMANA kwima Impirimbanyi uruhusa rwo gukoresha Mitingi ??? Uhereye kuri aya marorerwa yose asigaye aba nta kuntu utagira uti dore aferi Ruvuginunu.* O.NT.B.




## BENE GAHINI.

Ku ya 3/10/93 umunsi TWAGIRAMUNGU n'AGATHA ubu atagisiga iruhande birirwa biyamatsa kuri Stade Régional i Nyamirambo, batondekanya abana b'abaparmehutu ku murongo ngo ngaha baraburana ubuparmehutu, barayivuze maze abatutsi bararebana bati yewe : burya ba bandi baratubeshya bose ni bene Gahini. Bati ese burya nabo bakunda Parmehutu kugeza aho kuyiburana ?? Nta kibi nko gushaka gushimisha utagushaka.

## PEREFE HABYARIMANA NI UMUTI W'AMENYO.

Nyuma yaho yikoreje ubusa ngo arabuza Impirimbanyi gukora Mitingi kuri stade Huye i Butare ku ya 17/10/93 zikamwereka ko zizi aho uburenganzira bwazo bugarukira, yakomeje gusetsa abantu ngo SEMWAGA Félix wo muri MDR ntazongera gutembera avugira mu ndangurura majwi, ngo zimumena amatwi. Uriya mututsi mu gihe abandi babaga bahanganye na TEMAHAGARI, bakoresha izo ndangururamatwi we na bene wabo babaga banyegeye ngo Interahamwe itabirenza, none izo ndangururamatwi zimaze kumugira Perefe ati: ziramena amatwi ??? Isi we !!!

## PLAN SIMBANANIYE.

Kuva aho Inkoramaraso z'Intwaramiheto zivuganiye NDADAYE ku wa 21/10/93 Plan SIMBANANIYE Arthémon wahoze ari Minisitiri w'ububanyi n'amahanga wa MICOMBERO iri hafi kuzuzwa. Iyo Plan ivuga ko umubare w'abatutsi ugomba kungana n'uw'abahutu mu BURUNDI. Abasirikare bagenda baroha bya Grenade mu bahutu bakabica ari benshi cyane. Gitega ho n'ahandi hamwe bagiye barasayo n'indege babanje guhungisha abatutsi, ndetse hari naho barashe bwa burozi bita NAPALM. Abegereye uruzi bagiye babateza abatutsi n'abatwa bahaye intwaro, bakabahambiranya bakaroha mu kanyaru, ku buryo imirambo imaze ibyumweru bibiri ihita ari amagana n'amagana buri munsi.

Mu minsi mike iri imbere rero i Burundi hashobora kuzaba hasigaye koko umubare w'abahutu ungana n'uw'abatutsi. Abo bahutu ni abahunze, abana nabo b'abakobwa n'abakecuru gusa. Ngiyo FRODEBU abatutsi biyamatsa ngo barasubiza ubutegetsi kuko bazi aho bigejeje. Nibitonde ariko NDADAYE yasize ababwiye ko nibamwica hatazabura abandi ba NDADAYE benshi. Amaraso da !! y'inzirakarengane encore !! Tubitege amaso.

# Ibimenyetso bigaragaza ko Twagiramungu ari Inkotanyi.

Mu Rwanda abantu bakunze kuvuga ko Twagiramungu ari Inkotanyi. MRND niyo yakomeje ku byasasa, MDR iza kubyibonera ihereye ku myifatire ye. Yagiraga atya yajya i BURAYI ati twe tuzakora Politique Commune na FPR kandi azi neza ko MDR itemera abashaka gufata ubutegetsi bakoresheje Intwaro. I Bujumbura ati FPR yakuruwe mu mirwano, ndetse ugasanga arayishimagiza ngo kuko yica Interahamwe na CDR, kandi MDR itemera ibyo kwica, uwa bikora uwo ariwe wese. Byanahumiye ku murari aho atangiriye Pilitiki ngo yo guhanagura amateka ya MDR Parmehutu ' no kwangisha abanyarwanda iryo shyaka, kandi azi neza ko ariryo Impirimbanyi zavuguruye. Tutavuze byinshi rero Twagiramungu ni Inkotanyi yihishe mu Mpirimbanyi igihe kirekire, none aho bigeze abantu bakwiye gusobanukirwa. Muri iyi minsi twabonye impapuro zigaragaza neza ubukotanyi bwe, bityo nawe niba ashyira mu gaciro yemere ajye gufata mu myanya y'Inkotanyi yakoreye ku mugaragaro, iya MDR ayihe ba nyirayo, cyangwa FPR yemere ku mugaragaro ko itwaye imyanya ya MDR, ibyo abantu basigaye bavuga ngo LUNARI igiye mu Butegetsi ngo yiganzuye Parmehutu bibe birarangiye kuko MDR isigaye hanze. Mu ibaruwa No 1 barerekana ibimenyetso bagiye bakoresha ngo hatagira usobanukirwa. Ibaruwa No 2 yo iragaragaza uruhare rwa LETA y'u Burundi mu ntambara y'Inkotanyi, kuko nka hariya nyine bari bemereye izi Burundi inkunga y'amafaranga 240.000 FBU. Mu ibaruwa No 3 Twagiramungu arabwira uwo yita SAID na V.K. (twababonye muri No 1 ko ari Majyambere na Kajeguhakwa) ko batagomba guhubuka, ngo dore ko bamukeka kuba agenda bucye. Ati iby'aribyo byose nabemereye kubafasha muri iyo «opération». Aravugamo iby'ibikoresho n'amanama ajyamo, ibyo azigira hamwe na RAVI n'andi marenga umuntu yakumva ko hari igikorwa bita Opération nyine barimo.

Iriya baruwa yisinyiye ubwe se, si ubukotanyi bugaragara ?? Mu ibaruwa No 4 niho hagaragara ko icyo bita «Opération» kigomba kuba ari igikorwa cyibi. Bati ikipe yo gukora akantu twayishyizeho, bati muri batandatu uwo tuzahitamo ariwe bagomba kuba bita «L'article a radier» twarangije kumuhitamo kuko uko yitwara bizatuma ahita nta kibazo. Bati icyakora urwo rufaranga rwo kudufasha ntiruruza, kandi nyine buri muntu muri batandatu tu racyamwiga imigenzereze n'imyifatire kugirango tubone kugira icyo dukora. Telefoni iri kuri iriya baru wa No 7.48.81 twarakurikiranye dusanga ari iyo kwa Mukamana Epifaniya (Umugore wa Gasore uyu wahemukiye abana). Nta gitangaza ariko ku bazi ibye na RAVI gusa dutangajwe no kubona Umujene nka RAVI agaragara mu migambi y ubwicanyi. Hariya kwa Gasore ngo hakorewe imigambi myinshi

Bruxelles, le 29 Octobre 1991.

IDEM : CODE POSTAL
TEL ET FAX.

Chers Compagnons,

C'est avec un réel plaisir que je vous transmets certains éléments conventionnels qui nous permettront de communiquer et de nous comprendre sans que cela n'attire la curiosité de personne.
TOutefois, je voudrais insister sur le caractère top secret de ce code qui en définitive ne sera connu que de vous et de nous mêmes, et c'est dans cet esprit que je vous demanderais de faire de même dans les meilleurs délais.
POur revenir à ces signes vous avez notamment:

- CHAIR Pour le boss que vous devinerez facilement.
- YOUNG CHAIR Pour Paul.
- KIM POur Alexandre.
- VEKA POur V.K.
- TEMM POur Twagirimana.
- SAID POur Majyambere.
- LONDRES Pour le fils V.K.
- GASS pour Assinep. Frères Sud.
- Boys pour nos amis journalistes locaux.

Cette liste n'est qu'exhaustive, d'autres pourront s'y ajouter au fur et à mesure que les circonstances l'exigeront. En outre, les coordonnées du boulev. E. Jacqmain restent valables pour Saïd.
En cas de nécessité, vous pourriez toucher Veka au Tél de l'avenue Château Wal:
POur terminer, vous avez mes propres coordonnées et n'hésitez pas à me joindre peu importe l'heure et le jour.

Très franche collaboration.

Emmanuel Twagirimana.

MINISTERE DU DEVELOPPEMENT
RURAL
CABINET DU MINISTRE
Tél. 6167 B.P. 2740
Bujumbura

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP
C.E.R.C.
B.P. 1513 Kigali
RWANDA

N° 740/318/07/843
Objet: Concerne votre lettre du 14.8.1991

Monsieur le Représentant des INKOTANYI
au BURUNDI

Monsieur,

Suite à votre lettre du 14.8.1991, par laquelle vous sollicitiez une aide financière au Ministère dont nous tenons la direction du Cabinet, Nous avons l'honneur de porter à votre connaissance que le comité de gestion de la caisse de solidarité a mis son accord pour un montant de deux cent quarante mille francs BU (240.000FBU).

Nous vous recommandons de bien vouloir nous contacter dans le meilleur délais de votre convenance.

Veuillez agréer, Monsieur le Représentant, l'expression de notre considération distinguée.

Pascal GAHUNGU
Dir

CABINET DU MINISTRE
Ministère du Développement Rural

ya Gikotanyi. Harirwa n'iraha ryinshi bikabije. Nyakubahwa Depite Ravi na Twagiramungu rero bakwiye kuzasobanura uwo bashakaga kwirenza n'abo bita «la bande des six». Mu ibaruwa No 5 (N.B. : izi nomero n'izo twishyiriyeho) RAVI arabwira izindi Nkotanyi ko ariwe washinzwe za «opérations» bahaye akazina ka «DEUS ex Machina». Ati nzabifashwamo na bo twahimbye Carinne, Mil, Rambo na Ass. Iyo ukurikije. Iyo ukurikije ibivugwa muri iriya baruwa nabwo ntiwabura kwikanga ko ari ibikorwa by'ubugizi bwa nabi Ravi n'iriya kipe ye bateguraga. Ziriya B.P. 2199 ziriho twarakurikiranye du sanga ari iza Seburikoko Jozianne. Mu ibaruwa No 6 SAID. M. ariwe MAJYAMBERE arohererereza abo bita «leurs boys» aribo banyamakuru b'Inkotanyi nyine nkuko bigaragara mu ibaruwa twagize No 1 amafaranga yo kurangiza umwaka neza (40.000 Francs belges). Ati mufatane urunana mukomere, l'aventure est irreversible, uko byagenda kwose nta kizaduhagarika. Ati mujye mutugezeho ibibazo byanyu kandi mutwizere. Mu ibaruwa No 7, Emmanuel Twagirimana nkuko bigaragazwa n'iriya sinyatire arabwira Inkotanyi zino ko ibintu bitihuta rwose, kandi urunoti rwaroherejwe. Ati uwitwa Ntak. kandi yabaha andi ariko akazi kagakorwa. Ntak. ni nde ?? Ati uwo ariwe wese nyine ubwo ifaranga rye ryaragakoze. Uwo tugomba guhitana n'ukumugirira vuba, abandi muri batandatu bazafugutwa, natwe twige uburyo dukomeza «opération» dukoresheje les pros. (Ba kabuhariwe). Ati ku kibazo cy'imodoka n'inzu, GASS (Rwigara nkuko biboneka kuri No 1) amaze kwandika ko imodoka bayiha nyirayo, hanyuma na RAVI akajya mu nzu ye y'i Nyamirambo. Ubwo yanashimye igitekerezo cyo gushyiraho UDPR, rya shyaka rya RAVI. Mu ibaruwa No 8 ari nayo yavuba aha rero, Twagiramungu arabwira uwitwa Joseph, batubwiye ko ngo yaba ari Inkotanyi y'i Bujumbura ko yashimye ibyo yise «les éléments concernant cette phase de liquidation. Ati ishyaka ryo sinzarirekera abatekamutwe bavuka mu karere kamwe, uwa mbere kuko afite ubutegetsi (ati ariko igihe kingana iki ?) undi amakashi. Ati iriya ngurube Sinayigaye bakoresheje mu Ijambo ngo banyandυze izambona. Ati ntibiguhangayikishe, ntawe nzakinisha. (Je ne ferai de cadeau à personne). Kubera ibi byose rero, turasanga Twagiramungu yari akwiye kujya muri Minisiteri za FPR akareka kwanduranya kuri MDR kuko atari ryo shyaka rye. Ngeze Faranswa wo mu Rwanda rero yarabonetse, abibeshya ngo bafite imitego bamuteze bashatse bacisha make kuko yivugiye ko nawe kubeshya abizi.

O.NT.B.

Kigali, le 11 Novembre 1991

MM. SAID M et V.K.

BRUXELLES

Chers amis,

Je n'étais pas en ville, et c'est à l'instant que je viens de lire votre fax de ce matin dont je vous remercie.

Si bien que nous ne devons pas précipiter les choses, cette histoire selon laquelle j'avance timidement prête à sourire !

D'une part, je vous ai déjà exprimé ma prise de position dans cette opération et vous avez ma parole d'honneur. D'autre part, vous êtes sans ignorer à quel point ma famille, mes proches et moi-même avions été humiliés, traînés dans la boue par la caste.

Chers amis, je ne me suis pas du tout ravisé et en attendant que vous agissiez, aussi bien l'argent que le matériel nécessaire (fax, téléphone et machine à écrire) restent à la disposition de mes amis. Ils n'ont qu'à continuer à s'en servir et c'est rare que je ne participe pas aux rencontres.

Tout considéré, je suis persuadé qu'il s'agit là d'un tourbillon dans une bouteille. Vais devoir trouver une solution avec ... RAVI à qui je vais demander de vous contacter par téléphone. Il y a aussi cet autre élément auquel nous n'avons pas encore de réponse ferme, et nous attendons impatiemment.

Recevez, chers amis, mes salutations distinguées.

F. TWAGIRAMUNGU

AMD

Kigali, le 04 Décembre 1991

Ros

Tél. : 7 4881

KIGALI

MR TWAGIRAMUNGU. Messieurs VEKA et SAID

BRUXELLES

CONFIDENTIEL

Chers frères,

Vous souhaitiez tout dernièrement que nous vous disions où nous en sommes avec la mise en place de l'équipe, le nom du code de l'opération ainsi que les modalités raisonnables pour tenter le premier coup.

Je dois vous apprendre que je me suis personnellement chargé du recrutement sur place et j'en arrive à trois. Il n'en reste que deux seulement.

Pour ce qui concerne le nom du code, nous n'avons pas encore décidé, mais pour la personne la plus vulnérable de la bande des six, nous avons opté pour l'"ARTICLE A RADIER". Au vu de son comportement, elle devra passer sans causer trop de problèmes.

Enfin pour les modalités, là non plus rien pour deux raisons :
- les financements promis qui n'arrivent pas encore;
- les faits et gestes de chacune des personnes concernées de la bande des six – Ceci permettra de se faire une idée précise sur elles avant de fixer quoi que ce soit.

Merci de porter une attention particulière à nos suggestions


Avec tous mes respects.

# <u>Burundi</u> : Ese ko Abatutsi bishe Perezida NDADAYE, baba barishe n''icyatumye atsinda amatora ?

Mu ijoro ryo ku wa 20 rishyira uwa 21 ukwakira 1993 nibwo intwaramiheto z'u Burundi zigizwe n'abatutsi bajojoba ironda gahutu zateye umukuru w'igihugu MELCHIOR NDADAYE, zirasa ku ngoro ye, ndetse ngo hakoreshejwe n'ubugambanyi ziramufata zimugeza muri Etat Major aho zamwiciye urw'agashinyaguro ku ya 21/10/93 mu ma saa yine. Bamwishe urupfu rubi nkuko byagaragaye aho berekaniye umurambo we. Twizeye ko uko bizagenda kose azahambwa mu cyubahiro, maze ab'iwe, abafrodebu, abahutu bose n'abandi bakunzi ba demukarasi bakamuha icyubahiro kimukwiye, hamwe n'abo bapfanye Polen KALIBWAMI, BIMAZUBUTE Jules, Juvénal NDAYIKENZE, NDIKUBWAMI na Mme NTIBANTUNGANYA.

Abashyizwe mu majwi rero ko bakoze ayo mahano bakoresheje 11ème bataillon na 2ème bataillon arizo kabuhariwe ni BAGAZA, MBONIMPA, MAYUGI, BIKOMAGU yari amaze kugira Chef d'Etat Major, NDARADANGWE n'ingabo n'abandi. Bakimara gukora ayo mahano bashyizeho ngo Inama yo kugarura umutekano mu Burundi, maze ngo ikayoborwa n'umuhutu NGEZE Francois. Ibihugu byose uhereye ku Rwanda n'imiryango mpuzamahanga yahagurukiye icyarimwe, bati mugombe musubize ubutegetsi FRODEBU byanze bikunze. Mu mayeri y'izo nkoramaraso rero, zabonye abaturage n'amahanga bazamaganye, maze zitangira ngo kuzana ibyo gusubiza ubutegetsi FRODEBU barobyemo umutwe, Perezida NDADAYE, umukuru w'inama nshingamateka, umwungirije na bamwe mu baminisitiri bakomeye. Umusenyeri w'umututsi babigejejeho mbere yarababwiye ati nimushaka nanjye munyice sinshobora kuvugana namwe, ati muhemukiye abatutsi, muhemukiye u Burundi, muhemukiye Afurika. Abaminisitiri bakiriho rero barasaba ko izo nkoramaraso zafatwa, igisirikari kigaseswa, hakaza ingabo mpuzamahanga zo gushyiraho izindi.

Amayeri y'abatutsi ntabura, ubu ba NGEZE na bamwe mu ntwaramiheto ngo baba barafunzwe kugira ngo bibe urwiyerurutso, FRODEBU yongere yibeshye iti twabonye intwaramuheto z'umutima maze ntihazaboneke nako kubara inkuru.




**UFITE IMBUGITA NI UYIFASHE IKIRINDI**

Perezida NDADAYE ajya gufata ubutegetsi yari ahawe n'abaturage, ntiyari ayobewe ko ba Nyir'imbugita (Intwaramiheto) bose bari abatutsi. Nyamara guhita uhindura igisirikari cyose akaba yarifuzaga kuzabikora bucye bucye, kugira ngo ingabo zireke kuba iz'ubwoko bumwe. Uwo mushinga rero niwo yari arimo niwo azize. Bamwe mu bakuru b'ingabo bendaga kubyumva nyamara bagera hasi bakabisobanura ukundi, ubwo nyine NDADAYE akibeshya ko uwo mushinga uzahita nta shiti bakagira imbugita ariko, gutegeka rubanda rutagushaka biragoye ku buryo Abafrodebu bakimara kumva ko Umukuru w'igihugu bamugandaguye, bahagurukiye rimwe, berekana akababaro kabo, Intwaramiheto nazo zibahukamo n'urusasu ariko zihungisha abatutsi abandi zibaha intwaro ngo birwaneho, ariko nubwo bahitanaga benshi, bagasanga badateze gutegeka abaturage barakaye.

Ngo bari baziko nibumva ibyabereye i Bujumbura bose bahita bashya ubwoba bakayoboka ngo ngaha ntacyo babahaye umuhutu NGEZE. Aho niho Inkoramaraso zaboneye ko ibintu byahindutse, ko bashatse bakwitonda, batangira ibyo kubeshya amahanga ngo ni ba Kaporari na ba Serija babikoze. Ese nibo bahagurutse n'indege zo gutera amabombe mu baturage ? NDADAYE akimara gutsinda yagize ati: " Ntihatsinze Frodebu hatsinze u Burundi bwose ", ati: "Dusezereye imyaka n'imyaka y'ubutiriganya, twimitse uburenganzira bw'ikiremwamuntu"

Ubwo ntiyatinze kubyerekana, aba ashyizeho Minisitiri w'Intebe w'umututsikazi, abaminisitiri batari bake, Intwaramiheto ntutsi ntiyazikoraho ashyiraho Lt. Colonel BIKOMAGU ku buyobozi bwazo, ba MBONIMPA arabafungura, ba BAGAZA arabacyura, none koko wa mugani ko ubana n'umututsi akubeshya ushyizwe mu bikorwa. Filip Reytjens niwe uherutse gutangariza i Radio yo mu Bwongereza ko " kwizera umututsi muri iyi isi" ubanza bitagishobotse.

**IRARI RY'URUHUGU HIMA - TUTSI (EMPIRE HAMITE) RIRIHO RWOSE.**

Nkuko twigeze kubyandika mu nomero ya 16 y'UMURANGI, iyo urebye uko abatutsi bitwaye i Bugande - bica urubozo abagande bakurikije amazuru, nkuko tubihishurirwa n'abagande bibumbiye mu ihuriro ry'abashyigikiye Demukarasi mu Bugande (U.D.C) ukareba uko bitwaye mu Burundi, nuko bitwaye mu Rwanda ntabwo wahakana rwose ko ruriya ruhugu Hima - Tutsi barufitiye irari. Barashaka gukusanyiriza hamwe bihugu by'abami b'abahima byo imbere muri Afurika yo hagati n'iy'uburasirazuba byarimo u Rwanda, u Burundi, Nkole, Bunyoro, Buganda, Buha n'agapande ka Zayire. Nyuma yuko tugezwaho inkuru k'umugambi wo kwica NDADAYE warimo KAGAME n'Inkotanyi, turimo turakurikira amagambo ashobora kubibera gihamya.

KAGAME ku wa mbere tariki ya 25/10/93 ngo "abanyarwanda biha kwamagana iby'i Burundi baravuza

ru mu bintu bidafite ishingiro", uti we umuhuza bikorwa wa FPR Rwanda Bwana TWAGIRAMU- U yumvise ibyo gusesa iramiheto ati ndasaba l'ONU ko bitaba ngo ahubwo bavanamo tsiko. Ni akahe ?? (Radio y'aba- merika ku wa mbere ku ya 10/93. Ku wa gatatu aba yiherera- umunyamabanga mukuru wa JA i Kigali ati Ingabo z'u Burundi omba gukosorwa. Abivuze kuri dio umunyamakuru ati wavuze ko kosorwa gute, arya iminwa. Biru- vikana rero ko yatangiye kumvisha NU na OUA ko ingabo z'u Burundi agombye gukorwaho. Ku wa kabiri riki ya 2/11 Radio Muhabura mu angazo rya FPR iti iyo guverinoma y'u Burundi ntikabe mu Rwanda kandi Radio Rwanda niyo yateje intambara i Burundi !!?

Kuri ibyo byose wakubitiraho ko ngo i Bujumbura muri iyo minsi haga- ragaye abanyarwanda batemberana- ga imbunda barinze abandi, ukaba wakwemeza ko ari izo Nkotanyi nyine KAGAME yari yajyanye.

Shebuja Museveni nawe ntiyigeze agaya iby'inkoramaraso z'i Burundi ahubwo yihutiye gusaba ko ngo inga- bo zajya i Burundi zaba i Nyafurika, bityo akohereza "ses boys" agatoki kamenyereye gukomba se ?? GOMN isize imweretse uko ingabo z'inyafuri- ka zikora da !! BAGAZA inshuti ya Kadafi yabaga i Bugande. Uru ruva- ngitirane rwose rero rutuma dusanga abatutsi ibintu byabo babiziranyeho.

NDADAYE wari ubabangamiye i Burundi atareka Inkotanyi zihakorera nkuko zahakoreraga mbere baramwi- vuganye, mu Rwanda naho TWAGI- RAMUNGU arabufashe ibihutu bimu- rebera ngo ngaha ni ikibazo cya MDR. Uruhugu ruragenda rwaguka birebera, ubanza bikumbuye ikiboko, usibye ko utabona imirambo y'abahu- tu yuzuye Akanyaru ngo wemeze ko noneho hazarokoka nako kubara inku- ru. Barapfa ba KAYIBANDA, bati ni ibiparmehutu, bagapfa ba GAPYISI bati ni ibiparmehutu, bagapfa abandi bati barazira Politiki gusa nta n'urebye inkomoko nyayo y'iryo pfa. Nk'ipfa rya MAYUYA risobanura iki kugeza ubu ?!

*UMURANGI*

# Uko Leta ya MDR PARMEHUTU

YABONAGA UBUTEGETSI BW'ABATU- TSI B'I BURUNDI MURI FEVRIER 1973.

**IBY'I BURUNDI BYATUYOBEYE: DORE UKO TUBIZI BYA HAFI : CYA- KORA NTIDUSUBIZA IBITUTSI CYANGWA SE NGO TURENGERE ABAHUTU, TURASHAKA KUVUGA KO IBYABAYE MU BURUNDI. ABATUKA- NA BABYIGIRIRE.**

**UKURI GUCA MU ZIKO NTIGU- SHYA.**

**AMAVU N'AMAVUKO Y'UBWICA- NYI.**

Amateka y'u Burundi bwa GASHAKA- BUHAKE w'umututsi ateye isesemi, isoni zo nduzi ko baziriye. Bigitangira kuba umwaku, ntibasize n'umwana wavutse uwo munsi.

Kuva aho izo nzererezi zirara aho bwije zadukiye mu Burundi, imidugararo, amarira, intumbi n'imiborogo, umuvu w'amaraso y'abatura-Burundi aribo "ABAHUTU", nibyo byabaye indamutso.

Mwese ntawe uyobewe amayeri n'u- bugome bw'izo nzererezi kuva kera cyane zaje zigabiza igihugu aho gutuza ngo ziturane na bene cyo. Ntawe bitangaza uretse ko bibabaje ko ubwo bugome badukanye na nubu bakibukomeza; aho n'ubundi: "Akabaye icwende ntikoga".

Tutiriwe turondora umushiha n'ubo- gome bw'izo nzoka, kuva kera cyane twahera ahagana muwa 1960. Nibwo ibinyoma bya gashakabuhake bisa n'ibyatwikiriye ukuri, abapfuye icyo gihe ni abahutu batabarwa.

Ni babandi batwitswe n'ingeruza bise "Jeunesse" ziyobowe na bamwe bahi- mbye "Ministre w'Ububanyi bw'amahanga no gutegeka za Minisiteri bagendaga babahongera".

Umuntu yibaza niba abo bicanyi ba- bona ibitotsi iyo bahuye n'abapfakazi n'imfubyi zabo batabazi.

Ba Gashaka-buhake-tutsi bukeye bi- vuganye Louis RWAGASORE. Induru abatutsi bahora bavuza bamusingiza ni nko gutwikira urusaku rw'amasasu bamukinduje. Niho ibyago by'urubyaro rw'amapfura yabo rwatangiriye. Amaze gupfa yisasira urugamba nguwo BIROLI, NTIDENDEREZA, abo kwa BARANYA- NKA n'abandi batutsi b'ibyatwa tutibagiwe abahutu bahotowe mu mihora.

Ntibyateye kabiri muwa 1965, Pierre NGENDANDUMWE wari Minisitiri w'Inte- be, baramukinduye. Uwamwishe afashwe ava mu bari muri icyo gico kandi ari abatutsi uko bakabaye avugamo Alibini NYAMOYA, Minisitiri w'Intebe uriho ubu, wari umaze kunyagwa asimbuwe na Pierre NGENDANDUMWE. (New-York TIMES yo kuwa 22 mutarama 1965). Abamwishe hari n'umwe wahanwe ?

NGENDANDUMWE yazize ko yasha- tse gutegeka igihugu cye ari umuhutu ngo kandi hari Abatutsi bavukanye imbuto.

Ko muhakana ngo ntimurobanura amoko kuki RWAGASORE yabonye ibisingizo kandi arimwe mwamwiyiciye, NGENDANDUMWE akaba yaribagiranye n'imva ye ikaba yarasibanganye ? We ntabarwe mu batabazi b'igihugu nka RWAGASORE. Kuki mugihemba mu misoro y'abahutu (wa ngirwa mugore wa) RWAGASORE, uwa NGENDANDUMWE we ntimumurebe n'irihumye ?

Mu itora ryakurikiye urupfu rwa NGENDANDUMWE, abahutu batsindira igihugu, MWAMBUTSA mu bucucu bwe aho kwemera ukuri ngo ashyire ku bute- getsi bene igihugu, ashyiraho mwene wabo BIHA ngo abe Minisitiri w'Intebe.

Abatutsi bababibonye barashyekerwa, nibwo batangiye inama zo gutsemba ba Gahutu, bahera mu Rugerero, uwitwa SHIBURA uyu unyazwe vuba aha, ashaka amayeri ya buyoka yo kwica abasirikari b'abahutu bari bafite ipeti.

Umutegetsi w'ingabo wari umubiligi atambamira ubwo bugome buvanze n'agasuzuguro. Abatutsi bati: ntidushizwe. Batangira gutoteza abasirikari b'abahutu. Barapfa ba MIREREKANO wari waraha- raniye igihugu cye ashaka ubwigenge, arapfa SINIREMERA, arapfa BAMINA wahoze ari Minisitiri w'Intebe, arapfa SIRYUYUMUNSI, arapfa MIBURO wahambwe abona, arapfa BURARAME wahoze ari Minisitiri w'Ubukungu, arapfa NYANGOMA wahoze ari Ambasaderi muri Loni n'abandi. Bazize amaherere bahotowe na SIMBANANIYE ngo abaciri- ye urubanza agashyira MICOMBERO na SHIBURA bakarasa, bagahotora, bakani- ga, bagahamba ababona. Musenyeri GIHIMBARE ntiyarasiwe mu ishyamba azira ko ari umuhutu ? Iwanyu koko muri ba "NYAMUHAMBA-ABABONA".

Umva hari MIBURO hari KARORERO, hari n'ejobundi mu kwa gatanu, amaka- myo yari yuzuye abantu bazima mubava- nga n'abapfuye mujugunya mu bisimu, murenzaho igitaka. Byari kumenywa na nde iyo hatarokoka umwe wakomeje kworosora igitaka akagira Iyakare akiva- na mu mva mwari mwamushyizemo ? Niba mbeshya muzage kumubaza ariho yahungiye muri kimwe mu bihugu duhana imbibi.

CENTRE DE RECHERCHE ET FORMATION COOP. C.R.F.C. B.P. 1388 - Kigali RWANDA